*Nyakanga 2022* *Ikinyarwanda*

# Naho imbuto ya Roho ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, ubugwaneza, ubuntu, ubudahemuka, imico myiza, kumenya kwifata.

(Gal 5,22)

***Kontakt:*** *Meinolf Wacker*
*Kirchplatz 7*
*59174 Kamen*

*Mobil.:* *+49-172-5638432*
*Mail:* *meinolf.wacker@go4peace.eu*
*Homepage* *www.go4peace.eu*

---

## Tega amatwi umutima wawe!
## Watch your heart!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yezu ubwe yasezeranyije inshuti ze kugumana na bo iminsi yose. Gusa nyuma y'urupfu rwe, ntibari bagishobora kumubonesha amaso yabo y'umubiri. Nta mafoto yabagaho ngo habe hari iyafashwe umuntu yari kujya amwibukiraho nyuma y'izuka rye. Gusa inshuti ze zumvaga neza ko ari muzima kandi ari kumwe nazo. Ibi ni byo byahaye Petero, mbere wari wasazwe n'ubwoba, ubutwari bwo kumuhamya imbere y'imbaga nyamwishi. Ibi ni byo kandi byateye ubutwari abigishwa babiri bajyaga Emausi, ijoro ryose gusubira i Yeruzalemu bagasanga abavandimwe babo. Kumenya ko Yezu ari muzima kandi ari kumwe n'inshuti ze byari nk'ikibatsi kigurumana ku buryo bitashobokaga kubyihererana. Mariya Madalena na we yari amaze kubyibonera. „Ntushake kungumana!" ni ko Yezu yamubwiye.

Yezu yabonywe n'abantu ku giti cyabo ndetse n'amatsinda mato y'abantu. Ese ni gute abantu bakiriye iryo yobera ry'uko Yezu ari muzima kandi ari kumwe na bo? Inkuru zerekeye iby'izuka rye zirabitangaza. Inshuti za Yezu zumvaga imitima yazo igurumana. Babonye urumuri rudasanzwe rwabahaye umucyo ndetse rubatera ubutwari. Bamukozeho mu mahoro asendereye imitima yabo ndetse no mu byishimo batigeze bamenya mu buzima bwabo. – Uko kuntu umuntu yiyumva bidasanzwe mu mutima ni byo Pawulo intumwa mu ibaruwa ye yandikiye abanyagalati yita „imbuto za Roho". Ingaruka nziza nk'izo zikomoka k'uko Yezu ari kumwe natwe, birashoboka ko na we wazibonesha amaso y'umutima wawe. Tega amatwi umutima wawe!

Tomáš yarabivumbuye: „Nari nagiye mu ngando y'amahoro ahitwa i Sarayevo. Buri munsi twagiraga ijambo rya Yezu riduherekeza. Nimugoroba twasangiraga uburyo twayobowe na ryo. Muri ako kanya niyumvagamo iteka ibyishimo bishya kuri njyewe. Ni yo mpamvu nahoraga buri mwaka ntegerezanyije ibyishimo ingando itaha hamwe n'urubyiruko rwinshi rwazizagamo. Ibi byampaga imbaraga zo gukomeza inzira. Umunsi umwe mu kiganiro nagiranye na mugenzi wanjye niyumvishije ko ibyishimo bihamye ari ikimenyetso cya Yezu utagaragara. Yari ahari. Yaduhaye ibyishimo bye. Namubonesheje amaso y'umutima wanjye. Kuva icyo gihe muri njye hagurumanamo icyifuzo cyo kuba inararibonye y'ukuba hagati yacu kwa Yezu." – **Tega amatwi umutima wawe! – Watch your heart!**

Ku bw'itsinda go4peaceTeam Meinolf Wacker